20° **candidat :** toute personne physique, formation politique ou coalition de formations politiques en compétition à l'élection;

21° **assesseur**: une personne chargée des activités

y'amatora mu cyumba cy'itora;

22° **umutwe wa politiki**: ihuriro ry'abenegihugu bahujwe n'ibitekerezo n'imyumvire imwe yo guteza imbere imibereho myiza y'abaturage bose n'amajyambere y'Igihugu bagamije kugera ku butegetsi mu nzira y'amahoro na demokarasi;

23° **utora**: umunyarwanda wese ufite uburenganzira bwo gutora. »

**Ingingo ya 2: Ibikorwa by'ingenzi bigenwa n'amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora**

Ingingo ya 7 y'Itegeko n° 27/2010 ryo kuwa 19/06/2010 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

"Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ifata ibyemezo bishyira mu bikorwa ingingo ziteganyijwe mu cyiciro cya mbere n'icya kabiri cy'uyu Mutwe. Bimwe muri ibyo akaba ari ibi bikurikira :

1 º imiterere ya lisiti y'itora n'uburyo ivugururwa;

2 º igihe cyo gutangira no kurangiza kwiyandikisha ku ilisiti z'itora z'agateganyo n'iza burundu ;

3 º imiterere y'inyandikomvugo yerekeranye n'ibikorwa byo kwiyandikisha ku ilisiti z'itora;

polling room;

22° **political organization:** a forum of citizens with common ideas and conviction to promote the social well-being of all citizens and the development of the country, with an objective of attaining power through democratic and peaceful means;

23° **voter:** any Rwandan who has the right to vote."

**Article 2: Main operations specified by the instructions of the National Electoral Commission**

Article 7 of Law n° 27/2010 of 19/06/2010 relating to elections as modified and complemented to date is modified and complemented as follows:

"The National Electoral Commission shall take measures to implement the provisions of Sections One and 2 of this Chapter. These include the following:

1° the format of the voter's register and the modalities of its updating;

2° the time for the beginning and closing of registration on provisional and final voter's registers;

3° the format of a statement on the process of registration on the voter's register;

électorales dans une salle de vote;

22° **formation politique :** organisation de citoyens réunis par une communauté d'idées et de conviction commune, quant à la vision de promouvoir le bien-être social de tous les citoyens et le développement du pays, avec comme objectif d'accéder au pouvoir par des voies pacifiques et démocratiques;

23° **électeur:** tout Rwandais jouissant du droit de vote. »

**Article 2: Principales opérations déterminées par les instructions de la Commission Nationale Electorale**

L'article 7 de la Loi n° 27/2010 du 19/06/2010 relative aux élections telle que modifiée et complétée à ce jour est modifié et complété comme suit :

« La Commission Nationale Electorale fixe les mesures d'application des dispositions des sections première et 2 du présent Chapitre. Il s'agit notamment de ce qui suit :

1° le modèle de la liste électorale et les modalités de sa révision ;

2° le début et la clôture de la période d'inscription sur les listes électorales provisoires et définitives;

3° le modèle du procès-verbal des opérations d'inscription sur les listes électorales ;

4 ° imiterere y'ikarita y'itora;

5 ° ubwoko bw'amatora akoreshwamo amakarita y'itora**.**"

**Ingingo ya 3: Kwiyandikisha ku ilisiti y'itora**

Ingingo ya 8 y'Itegeko n°27/2010 ryo kuwa 19/06/2010 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

"Buri munyarwanda wujuje ibyangombwa biteganywa n'iri tegeko, afite inshingano yo kwiyandikisha ku ilisiti y'itora mbere y'uko igihe cyo kwiyandikisha ku ilisiti y'itora gisozwa.

Ntawemerewe kwiyandikisha ku ilisiti y'itora irenze imwe."

**Ingingo ya 4: Uburyo bwo kwiyandikisha ku ilisiti y'itora**

Ingingo ya 9 y'Itegeko n° 27/2010 ryo kuwa 19/06/2010 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

"Muri buri Mudugudu no muri buri Ambasade y'u Rwanda haba hari ilisiti y'itora.

Uburyo bwo kwiyandikisha ku ilisiti y'itora bugenwa n'amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora."

4° the format of the voter's card;

5° types of elections in which voter's cards are used."

**Article 3: Registration on the voter's register**

Article 8 of Law n° 27/2010 of 19/06/2010 relating to elections as modified and complemented to date is modified and complemented as follows:

"Every Rwandan who fulfils the requirements provided under this Law shall have a civic duty to register on a voter's register before the period for registration on the register is closed.

No person shall be allowed to register on more than one voter's register."

**Article 4: Modalities for registration on the voter's register**

Article 9 of Law n° 27/2010 of 19/06/2010 relating to elections as modified and complemented to date is modified and complemented as follows:

"In each Village and each Embassy of the Republic of Rwanda, there shall be a voter's register.

Modalities for registration on the voter's register shall be specified by instructions of the National Electoral Commission."

4° le modèle de la carte d'électeur ;

5° modes d'élections dans lesquelles il est fait usage des cartes électorales. »

**Article 3: Inscription sur la liste électorale**

L'article 8 de la Loi n° 27/2010 du 19/06/2010 relative aux élections telle que modifiée et complétée à ce jour est modifié et complété comme suit :

« Tout Rwandais remplissant les conditions prévues par la présente loi a le devoir civique de se faire inscrire sur la liste électorale avant que la période d'inscription sur cette liste ne soit clôturée.

Nul ne peut être inscrit sur plus d'une liste électorale. »

**Article 4: Modalités d'inscription sur la liste électorale**

L'article 9 de la Loi n° 27/2010 du 19/06/2010 relative aux élections telle que modifiée et complétée à ce jour est modifié et complété comme suit :

« Il est tenu une liste électorale dans le ressort de chaque Village et de chaque Ambassade du Rwanda.

Les modalités d'inscription sur la liste électorale sont déterminées par les instructions de la Commission Nationale Electorale. »

**Ingingo ya 5: Abemerewe kwiyandikisha ku ilisiti y'itora n'ibyo bagomba kwerekana**

Ingingo ya 10 y'Itegeko n° 27/2010 ryo kuwa 19/06/2010 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

"Abemerewe kwiyandikisha ku ilisiti y'itora y'Umudugudu, cyangwa iy'Ambasade ni Abanyarwanda bose bafite nibura imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko cyangwa baba bayujuje ku munsi w'itora, batuye cyangwa bacumbitse muri uwo Mudugudu cyangwa mu Bihugu biri mu ifasi y'iyo Ambasade.

Kugira ngo umuntu yandikwe ku ilisiti y'itora, agomba kwerekana ikarita ndangamuntu ye cyangwa ikindi cyangombwa cyerekana ko ari umunyarwanda cyatanzwe n'urwego rubifitiye ububasha.

Mu gikorwa cyo kwiyandikisha, umunyarwanda wujuje ibyangombwa ashobora gukoresha ubundi buryo bugenwa n'amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora".

**Ingingo ya 6: Abatemerewe kwiyandikisha ku ilisiti y'itora**

Ingingo ya 11 y'Itegeko n° 27/2010 ryo kuwa 19/06/2010 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu ihinduwe kandi yujujwe

**Article 5: Persons eligible to register on the voter's register and documents they must show**

Article 10 of Law n° 27/2010 of 19/06/2010 relating to elections as modified and complemented to date is modified and complemented as follows:

"Persons allowed to register on the voter's register of a village or of the Embassy are all Rwandans of at least eighteen (18) years of age or those who will have attained it on the election day and who domicile or reside in that Village or in countries located in the territorial jurisdiction of that embassy.

In order for a person to register on the voter's register, he/she shall show his/her national identity card or any other document issued by a competent authority which attests to his/her Rwandan nationality.

Every Rwandan who fulfils the requirements may use other means in order to register on the voter's register in accordance with the instructions of the National Electoral Commission."

**Article 6: Persons prohibited from registering on the voter's register**

Article 11 of Law n° 27/2010 of 19/06/2010 relating to elections as modified and complemented to date is modified and complemented as follows:

**Article 5: Personnes admises à se faire enregistrer sur la liste électorale et les pièces qu'elles doivent produire**

L'article 10 de la Loi n° 27/2010 du 19/06/2010 relative aux élections telle que modifiée et complétée à ce jour est modifié et complété comme suit :

« Est autorisé à se faire enregistrer sur la liste électorale du Village ou de l'Ambassade, tout Rwandais ayant atteint au moins l'âge de dix-huit (18) ans ou qui l'aura atteint le jour du scrutin, domicilié ou résidant dans ce village ou dans les pays du ressort de l'Ambassade.

Toute personne désireuse de se faire inscrire sur la liste électorale est tenue de produire sa carte d'identité ou toute autre pièce délivrée par l'autorité compétente attestant qu'elle est de nationalité rwandaise.

Tout rwandais remplissant les conditions exigées peut recourir à d'autres moyens pour se faire inscrire sur la liste électorale conformément aux instructions de la Commission Nationale Electorale. »

**Article 6: Personnes non admises à se faire enregistrer sur la liste électorale**

L'article 11 de la Loi n° 27/2010 du 19/06/2010 relative aux élections telle que modifiée et complétée à ce jour est modifié et complété comme

ku buryo bukurikira:

"Haseguriwe ibiteganywa mu ngingo ya 10 y'iri tegeko, umuntu utemerewe kwiyandikisha ku ilisiti y'itora ni:

1 º uwambuwe n'Inkiko zibifitiye ububasha uburenganzira bwo gutora akaba atarahanagurwaho ubwo busembwa cyangwa ngo ahabwe imbabazi zemewe n'amategeko;

2 º uwakatiwe burundu kubera icyaha cy'ubwicanyi cyangwa ubuhotozi;

3 º uwakatiwe burundu kubera icyaha cya jenoside yakorewe Abatutsi cyangwa ibyaha byibasiye inyokomuntu uri muri kimwe mu byiciro bikurikira:

a. uwakoze ibyaha cyangwa ibikorwa by'ubufatanyacyaha bimushyira mu bacuze umugambi, abawuteguye, abawushishikarije abandi, abagenzuye n'abayoboye jenoside cyangwa ibindi byaha byibasiye inyokomuntu hamwe n'ibyitso bye;

b. uwari icyo gihe mu nzego z'ubuyobozi: mu rwego rw'Igihugu, urwa Perefegitura, urwa Superefegitura n'urwa Komini, mu mashyaka ya politiki, mu Gisirikare, muri Jandarumori, Polisi ya Komini, mu madini cyangwa mu mitwe yitwara gisirikari ku buryo butemewe n'amategeko, akaba yarakoze ibyo byaha cyangwa akoshya abandi kubikora hamwe n'ibyitso bye;

"Subject to the provisions of Article 10 of this Law, those prohibited from registering on the voter's register shall be:

1° a person who has been deprived of his/her right to vote by competent courts of law and has not been rehabilitated or has not been granted amnesty in accordance with law;

2° a person definitively sentenced for homicide or manslaughter;

3° a person definitively sentenced for the crime of genocide against the Tutsi or the crimes against humanity falling under one of the following categories:

a. a person who, following his/her criminal acts or criminal participation, fall under the category of planners, organizers, incitators, supervisors and leaders of the genocide or crimes against humanity together with his/her accomplices;

b. a person who, at that time, was in the organs of leadership, at the national level, at the level of Prefecture, Sub-prefecture, Commune, in political parties, army, gendarmerie, communal police, religious denominations or in militia, committed or encouraged other people to commit these offences together with his/her accomplices;

suit :

« Sous réserve des dispositions de l'article 10 de la présente loi, n'est pas autorisée à se faire enregistrer sur la liste électorale :

1° une personne privée du droit de vote par les juridictions compétentes et n'ayant pas été réhabilitée ou graciée conformément à la loi ;

2° une personne faisant l'objet d'une condamnation définitive pour meurtre ou assassinat;

3° une personne condamnée définitivement pour crime de génocide contre les Tutsi ou crimes contre l'humanité rentrant dans l'une des catégories suivantes :

a. une personne qui, compte tenu de ses actes criminels ou de sa participation criminelle, est rangée parmi les planificateurs, les organisateurs, les incitateurs, les superviseurs et les encadreurs du crime de génocide ou des crimes contre l'humanité ainsi que ses complices ;

b. une personne qui, agissant en position d'autorité au niveau national, au niveau de la Préfecture, au niveau de la Sous-Préfecture, de la Commune, au sein des partis politiques, de l'armée, de la gendarmerie, de la police communale, des confessions religieuses ou des milices, a commis ces infractions ou a encouragé les autres à les commettre ainsi que ses

c. umwicanyi ruharwa wamamaye aho yari ari cyangwa aho yanyuze kubera umwete yagize mu bwicanyi cyangwa ubugome bukabije yabukoranye hamwe n'ibyitso bye;

d. uwakoreye abandi ibikorwa by'iyicarubozo, kabone n'iyo byaba bitarabaviriyemo gupfa hamwe n'ibyitso bye;

e. uwasambanyije undi ku gahato cyangwa wangije imyanya ndangabitsina hamwe n'ibyitso bye;

f. uwakoze ibikorwa by'ubushinyaguzi ku murambo hamwe n'ibyitso bye;

g. uwakoze ibyaha cyangwa ibikorwa by'ubufatanyacyaha bimushyira mu mubare w'abishe cyangwa wagiriye abandi nabi bikabaviramo gupfa hamwe n'ibyitso bye;

h. uwakomerekeje cyangwa wagiriye abandi nabi agambiriye kubica ariko umugambi we ntawugereho hamwe n'ibyitso bye;

i. uwakoze cyangwa wafashije gukora ibindi byaha byakorewe abantu, atagambiriye kubica hamwe n'ibyitso bye.

c. a well-known murderer who distinguished him/herself in the location where he/she lived or wherever he/she passed, because of the zeal or excessive wickedness which characterized him/her in killings together with his/her accomplices;

d. a person who committed acts of torture against others, even though they did not result into death together with his/her accomplices;

e. a person who committed rape or sexual torture together with his/her accomplices;

f. a person who committed dehumanizing acts on the dead body together with his/her accomplices;

g. a person who, following his/her criminal acts or criminal participation, falls under the category of killers or a person who committed acts of violence having caused death together with his/her accomplices;

h. a person who injured or committed other serious violence against people with intent to cause death, but who did not successfully carry out his/her intent together with his/ her accomplices;

i. a person who committed or aided to commit other criminal acts against persons without intent to cause death together with his/her

complices ;

c. un meurtrier de grand renom qui s'est distingué dans le milieu où il résidait ou partout où il est passé à cause du zèle ou de la méchanceté excessive qui l'a caractérisé dans les tueries ainsi que ses complices ;

d. une personne qui a commis les actes de torture quand bien même les victimes n'en seraient pas succombées ainsi que ses complices ;

e. une personne qui a commis le viol ou la torture sexuelle ainsi que ses complices;

f. une personne qui a commis les actes dégradants sur le cadavre ainsi que ses complices ;

g. une personne qui, compte tenu de ses actes criminels ou de sa participation criminelle, est rangée parmi les tueurs ou une personne ayant commis les actes de violence ayant causé la mort ainsi que ses complices;

h. une personne, qui dans l'intention de donner la mort, a causé des blessures ou commis d'autres violences graves mais auxquelles les victimes n'ont pas succombé ainsi que ses complices ;

i. une personne ayant commis ou aidé à commettre d'autres actes criminels sans l'intention de donner la mort ainsi que ses

4 º uwireze akiyemerera icyaha cya jenoside yakorewe Abatutsi cyangwa ibyaha byibasiye inyokomuntu uri muri kimwe mu byiciro bikurikira:

a. uwakoze ibyaha cyangwa ibikorwa by’ubufatanyacyaha bimushyira mu bacuze umugambi, abawuteguye, abawushishikarije abandi, abagenzuye n'abayoboye jenoside cyangwa ibindi byaha byibasiye inyokomuntu hamwe n'ibyitso bye;

b. uwari icyo gihe mu nzego z'ubuyobozi: mu rwego rw'Igihugu, urwa Perefegitura, urwa Superefegitura n'urwa Komini, mu mashyaka ya politiki, mu Gisirikare, muri Jandarumori, Polisi ya Komini, mu madini cyangwa mu mitwe yitwara gisirikari ku buryo butemewe n'amategeko, akaba yarakoze ibyo byaha cyangwa akoshya abandi kubikora hamwe n'ibyitso bye;

c. umwicanyi ruharwa wamamaye aho yari ari cyangwa aho yanyuze kubera umwete yagize mu bwicanyi cyangwa ubugome bukabije yabukoranye hamwe n'ibyitso bye;

d. uwakoreye abandi ibikorwa by'iyicarubozo, kabone n'iyo byaba bitarabaviriyemo gupfa hamwe n'ibyitso bye;

accomplices.

4° a person who confessed and pleaded guilty to the crime of genocide against the Tutsi and crimes against humanity falling under one of the following categories:

a. a person who, following his/her criminal acts or criminal participation, falls under the category of planners, organizers, incitators, supervisors and leaders of the genocide or crimes against humanity together with his/her accomplices;

b. a person who, at that time, was in the organs of leadership, at the national level, at the level of Prefecture, Sub-prefecture, Commune, in political parties, army, gendarmerie, communal police, religious denominations or in militia, has committed or encouraged other people to commit these offences together with his/her accomplices;

c. a well-known murderer who distinguished himself/herself in the location where he/she lived or wherever he/she passed, because of the zeal or excessive wickedness which characterized him/her in killings together with his/her accomplices;

d. a person who committed acts of torture against others, even though such acts did not result into death together with his/ her

complices.

4° une personne ayant passé à l’aveu et au plaidoyer de culpabilité pour crime de génocide contre les Tutsi ou crimes contre l’humanité rentrant dans l’une des catégories suivantes :

a. une personne qui, compte tenu de ses actes criminels ou de sa participation criminelle, est rangée parmi les planificateurs, les organisateurs, les incitateurs, les superviseurs et les encadreurs du crime de génocide ou des crimes contre l’humanité ainsi que ses complices ;

b. une personne qui, agissant en position d’autorité au niveau national, au niveau de la Préfecture, au niveau de la Sous-Préfecture, de la Commune, au sein des partis politiques, de l'armée, de la gendarmerie, de la police communale, des confessions religieuses ou des milices, a commis ces infractions ou a encouragé les autres à les commettre ainsi que ses complices ;

c. un meurtrier de grand renom qui s’est distingué dans le milieu où il résidait ou partout où il est passé à cause du zèle ou la méchanceté excessive qui l’a caractérisé dans les tueries ainsi que ses complices;

d. une personne qui a commis les actes de tortures quand bien même les victimes n’en seraient pas succombées ainsi que ses

e. uwasambanyije undi ku gahato cyangwa wangije imyanya ndangabitsina hamwe n'ibyitso bye;

f. uwakoze ibikorwa by'ubushinyaguzi ku murambo hamwe n'ibyitso bye;

5 º uwahamwe n’icyaha cyo gusambanya abana;

6 º uwahamwe n’icyaha cyo gusambanya ku gahato;

7 º umuntu ufunze;

8 º impunzi.“

**<u>Ingingo ya 7:</u> Igihe n’uburyo bwo kuvugurura ilisiti y’itora**

Ingingo ya 12 y’Itegeko n° 27/2010 ryo kuwa 19/06/2010 rigenga amatora nk’uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

**“**Ilisiti y’itora mu matora ataziguye ihoraho. Ivugururwa nibura rimwe mu mwaka. Ilisiti y’itora ntivugururwa iyo hari itora rikozwe hatarashira amezi abiri (2) irindi ribaye.

Mu matora aziguye, Komisiyo y’Igihugu y’Amatora itegura ilisiti yihariye y’abagize inteko itora

accomplices;

e. a person who committed rape or sexual torture together with his/ her accomplice;

f. a person who committed dehumanizing acts on the dead body together with his/her accomplices;

5° a person who was convicted of defilement;

6° a person who was convicted of rape;

7° a prisoner;

8° a refugee.”

**<u>Article 7</u>: Period and modalities for updating the voter’s register**

Article 12 of Law n° 27/2010 of 19/06/2010 relating to elections as modified and complemented to date is modified and complemented as follows:

“The voter’s register for direct election is permanent. It shall be updated at least once a year. The voter’s register shall not be updated if there is any election held in a period less than two (2) months from the preceding election.

In indirect elections, the National Electoral Commission shall prepare a particular list of

complices ;

e. une personne qui a commis le viol ou les actes de torture sexuelle ainsi que ses complices ;

f. une personne qui a commis les actes dégradants sur le cadavre ainsi que ses complices ;

5° une personne reconnue coupable de viol sur mineur;

6° une personne reconnue coupable de viol ;

7° un détenu ;

8° un réfugié. »

**<u>Article 7</u>: Période et modalités de révision de la liste électorale**

L’article 12 de la Loi n° 27/2010 du 19/06/2010 relative aux élections telle que modifiée et complétée à ce jour est modifié et complété comme suit :

« La liste électorale pour le suffrage direct est permanente. Elle fait l’objet d’une révision au moins une fois par an. Si l’élection intervient moins de deux (2) mois après la précédente élection, la liste n’est pas révisée.

Pour les élections indirectes, la Commission Nationale Electorale prépare une liste particulière

hashingiwe ku cyiciro cy'itora giteganyijwe.

Mu matora aziguye cyangwa ataziguye, igihe cyo kuvugurura ilisiti y'itora n'uburyo bukoreshwa mu kuvugurura lisiti y'abagize inteko itora, bigenwa n'Amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

**Ingingo ya 8: Ivanwaho ry'ingingo ya 17 y'Itegeko n° 27/2010 ryo kuwa 19/06/2010 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu**

Ingingo ya 17 y'Itegeko n° 27/2010 ryo kuwa 19/06/2010 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu ivanyweho.

**Ingingo ya 9: Uburenganzira bw'umukandida bwo kumanika ibimwamamaza**

Itegeko n° 27/2010 ryo kuwa 19/06/2010 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu ryongewemo ingingo ya 29 bis iteye ku buryo bukurikira:

**"Ingingo ya 29 bis: Uburenganzira bw'umukandida bwo kumanika ibimwamamaza**

Mu matora yose, umukandida afite uburenganzira bwo kumanika ibimwamamaza no gukoresha ibindi byose bimwamamaza. Amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora agena uburyo bikorwamo."

electoral college based on the elections organized.

In indirect or direct elections, the period and the modalities of updating the voter's register and electoral college members shall be determined by instructions of the National Electoral Commission."

**Article 8: Repealing of Article 17 of Law n°27/2010 of 19/06/2010 relating to elections as modified and complemented to date**

Article 17 of Law n° 27/2010 of 19/06/2010 relating to elections as modified and complemented to date is repealed.

**Article 9: Right of a candidate to use posters**

In Law n° 27/2010 of 19/06/2010 relating to elections as modified and complemented to date is inserted Article 29 bis worded as follows:

**"Article 29 bis: Right of a candidate to use posters**

For any election, a candidate shall have the right to use posters and other means for his/her campaigns. Related modalities shall be determined by the instructions of the National Electoral Commission."

des personnes constituant le collège électoral conformément à l'élection organisée.

Pour les élections indirectes ou directes, la période et les modalités de révision de la liste électorale et de la liste des membres du collège électoral sont déterminées par les instructions de la Commission Nationale Electorale. »

**Article 8: Abrogation de l'article 17 de la Loi n° 27/2010 du 19/06/2010 relative aux élections telle que modifiée et complétée à ce jour**

L'article 17 de la Loi n° 27/2010 du 19/06/2010 relative aux élections telle que modifiée et complétée à ce jour est abrogé.

**Article 9 : Droit d'un candidat d'utiliser des affiches**

Dans la Loi n° 27/2010 du 19/06/2010 relative aux élections telle que modifiée et complétée à ce jour est inséé l'article 29 bis libellé comme suit :

**« Article 29 bis : Droit d'un candidat d'utiliser des affiches**

Pour toute élection, le candidat a le droit d'utiliser des affiches et d'autres moyens pendant sa campagne électorale. Les modalités y relatives sont déterminées par les instructions de la Commission Nationale Electorale.»

**Ingingo ya 10: Ibikorwa bibujijwe mu gihe cyo kwiyamamaza cyangwa kwamamaza**

Ingingo ya 30 y'Itegeko n° 27/2010 ryo kuwa 19/06/2010 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

"Birabujijwe mu gihe cyo kwiyamamaza cyangwa kwamamaza gukora ibintu bikurikira hagamijwe guhindura cyangwa kugerageza guhindura imitekerereze by'ugomba gutora:

1° gukoresha umutungo wa Leta aho waba uri hose mu buryo bunyuranyije n'amategeko;

2° gutuka cyangwa gusebya mu buryo ubwo ari bwo bwose undi mukandida;

3° gukoresha ruswa;

4° gushingira ku ivangura iryo ariryo ryose n'amacakubiri."

**Ingingo ya 11: Igenwa ry'ibiro by'itora n'aho bishyirwa**

Ingingo ya 31 y'Itegeko n° 27/2010 ryo kuwa 19/06/2010 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

"Ibiro n'ibyumba by'itora bigomba gushyirwa mu nyubako za Leta cyangwa zikorerwamo imirimo ya Leta n'ahandi hagenwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

**Article 10: Acts prohibited during electoral campaigns**

Article 30 of Law n° 27/2010 of 19/06/2010 relating to elections as modified and complemented to date is modified and complemented as follows:

"During the electoral campaign, it shall be prohibited to influence or attempt to influence voter's choice through the following:

1° illegally use of State property wherever it is;

2° any form of insulting or defamatory statement against another candidate;

3° use of corruption ;

4° any form of discrimination."

**Article 11: Determination and location of polling stations**

Article 31 of Law n° 27/2010 of 19/06/2010 relating to elections as modified and complemented to date is modified and complemented as follows:

"Polling stations and rooms must be set up in public buildings or facilities in which public services are provided and in any other places as may be determined by the National Electoral Commission.

**Article 10: Agissements interdits pendant la campagne électorale**

L'article 30 de la Loi n° 27/2010 du 19/06/2010 relative aux élections telle que modifiée et complétée à ce jour est modifié et complété comme suit :

« Pendant la campagne électorale, il est interdit d'influencer ou de tenter d'influencer le choix d'électeur à travers les pratiques suivantes:

1° utilisation illégale des biens de l'Etat où qu'ils soient ;

2° toute forme de déclarations injurieuses ou diffamatoires contre un autre candidat ;

3° usage de la corruption ;

4° toute forme de discrimination. »

**Article 11 Détermination et emplacement des bureaux de vote**

L'article 31 de la Loi n° 27/2010 du 19/06/2010 relative aux élections telle que modifiée et complétée à ce jour est modifié et complété comme suit :

« Les bureaux et les salles de vote doivent être installés dans les bâtiments publics ou d'utilité publique ou dans tous autres lieux déterminés par la Commission Nationale Electorale.

Mu itora rya Perezida wa Repubulika, iry'abagize Inteko Ishinga Amategeko batorwa ku buryo butaziguye n'irya referendumu, ibiro by'itora hanze y'Igihugu bishyirwa ahantu hose hari Ambasade y'u Rwanda. Amaze kubiherwa uruhushya na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, Ambasaderi ashobora gushyira ibiro by'itora ahantu hose mu ifasi y'Ambasade.

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora igena ahashyirwa ibiro by'itora n'umubare w'ibiro by'itora hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu (15) ngo itora rikorwe.

Komisiyo y'igihugu y'amatora ishyiraho Perezida w'ibiro by'itora."

**<u>Ingingo ya 12:</u> Abashinzwe gutoresha mu byumba bigize ibiro by'itora**

Ingingo ya 32 y'Itegeko n° 27/2010 ryo kuwa 19/06/2010 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

"Gutoresha muri buri cyumba cy'itora, bikorwa na komite y'Abaseseri, umubare w'abayigize n'inshingano zabo bigenwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora. "

**<u>Ingingoya 13</u>: Itegurwa n'imikoreshereze y'agasanduku k'itora**

Ingingo ya 35 y'Itegeko n° 27/2010 ryo kuwa 19/06/2010 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu ihinduwe kandi yujujwe

For Presidential elections, direct legislative elections and referendum, polling stations outside Rwanda shall be opened in all places where Rwanda has Embassies. The Ambassador may, upon authorization from the National Electoral Commission, designate any other place within the jurisdiction of the Embassy to be used as a polling station.

The National Electoral Commission shall determine the location and number of polling stations at least fifteen days (15) before the polling day.

The National Electoral Commission shall appoint the Coordinator of the polling station."

**<u>Article 12</u>: Polling officers in rooms of polling stations**

Article 32 of Law n° 27/2010 of 19/06/2010 relating to elections as modified and complemented to date is modified and complemented as follows:

"The voting in each polling room shall be organized by a committee of assessors. The number of its members and their responsibilities shall be determined by the National Electoral Commission."

**<u>Article 13</u>: Preparation and use of a ballot box**

Article 35 of Law n° 27/2010 of 19/06/2010 relating to elections as modified and complemented to date is modified and complemented as follows:

Pour les élections présidentielles, les élections législatives directes et le référendum, les bureaux de vote à l'extérieur du Rwanda sont ouverts dans tout le ressort des Ambassades du Rwanda. L'Ambassadeur peut, sur autorisation de la Commission Nationale Electorale, désigner un autre endroit de son ressort pouvant servir de bureau de vote.

La Commission Nationale Electorale détermine l'emplacement et le nombre de bureaux de vote quinze (15) jours au moins avant le scrutin.

La Commission Nationale Electorale désigne le Coordinateur du bureau de vote**. »**

**<u>Article 12</u>: Agents chargés de l'organisation du scrutin dans les salles du bureau de vote**

L'article 32 de la Loi n° 27/2010 du 19/06/2010 relative aux élections telle que modifiée et complétée à ce jour est modifié et complété comme suit :

« L'organisation du scrutin dans chaque salle de vote est assurée par un comité d'assesseurs dont le nombre de membres ainsi que leurs attributions sont fixés par la Commission Nationale Electorale.»

**<u>Article 13</u>: Préparation et usage de l'urne électorale**

L'article 35 de la Loi n° 27/2010 du 19/06/2010 relative aux élections telle que modifiée et complétée à ce jour est modifié et complété comme

ku buryo bukurikira:

"Mbere y'uko itora ritangira, agasanduku k'itora, gafite umwenge umwe gusa wo kunyuzamo urupapuro rw'itora, kagomba kuba karimo ubusa kandi abatoresha bakakereka abaturage, n'abahagarariye abakandida iyo bahari, gafunguye. Mbere yo gutangira itora, karafungwa kakongera gufungurwa ibarura ry'amajwi ritangiye. Nyuma yo kubarura amajwi kongera gufungwa karimo impapuro z'itora zatoreweho.

Agasanduku k'itora gashyirwa aho umuntu wese uri mu cyumba cy'itora ashobora kukabona.

Amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora agena uburyo agasanduku k'itora gafungwa."

**<u>Ingingo ya 14:</u> Igihe itora rimara n'uburyo gishobora kongerwa**

Ingingo ya 36 y'Itegeko n° 27/2010 ryo kuwa 19/06/2010 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

"Itora rimara umunsi umwe kuri buri cyiciro cy'itora. Icyakora iyo habaye impamvu, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora igena ukundi byagenda.

Mu matora ataziguye, itora ritangira saa moya za mu gitondo rigasoza saa cyenda z'igicamunsi. Mu matora aziguye, isaha itora ritangirira n'igihe risorezwa igenwa n'amabwiriza ya Komisiyo

"Before the commencement of voting, an empty ballot box with only one opening through which the ballot paper is inserted shall be, while being open, shown to the electorate and representatives of candidates, if present by polling officers. Thereafter, it shall be sealed and it will be re-opened if the counting of votes commences. It shall be resealed after counting with ballot papers used contained therein.

The ballot box shall be placed in a place where every person in the voting room can see it.

The instructions of the National Electoral Commission determine modalities for sealing the ballot box."

**<u>Article 14</u>: Voting time and possible extension modalities**

Article 36 of Law n° 27/2010 of 19/06/2010 relating to elections as modified and complemented to date is modified and complemented as follows:

"Polls shall be conducted in only one day for each election. However, where there is justification, the National Electoral Commission takes any other necessary measures.

Polls shall start at 7.00 a.m and end at 3:00 pm for directs elections. In indirect elections the time for starting and ending an election shall be fixed by the National Electoral Commission's instructions.

suit :

« L'urne électorale n'ayant qu'une ouverture destinée à laisser passer le bulletin de vote doit, avant le début du scrutin, être vide et présentée ouverte à la population et aux représentants des candidats présents par les agents chargés de l'organisation du scrutin. Elle est ensuite scellée pour être ré-ouverte au début du dépouillement. Après le dépouillement, l'urne contenant les bulletins de vote utilisés est encore recélée.

L'urne électorale est placée à un endroit visible à toute personne se trouvant dans la salle de vote.

Les instructions de la Commission Nationale Electorale déterminent les modalités de sceller l'urne. »

**<u>Article 14</u>: Durée du scrutin et modalités de sa prolongation**

L'article 36 de la Loi n° 27/2010 du 19/06/2010 relative aux élections telle que modifiée et complétée à ce jour est modifié et complété comme suit :

« Le scrutin ne dure qu'une seule journée pour toute élection. Toutefois, en cas de survenance d'un motif, la Commission Nationale Electorale prend toute autre disposition nécessaire.

Le scrutin est ouvert à sept (7) heures du matin et est clos à quinze (15) heures lors des élections directes. Quant aux élections indirectes l'heure d'ouverture et de clôture du scrutin est fixée par les

y'Igihugu y'Amatora.

Igihe hari impamvu, komite itoresha ishobora guhindura isaha yo gutangira no gusoza itora nyuma yo kumenyesha no kugisha inama Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

Isaha itora ryatangiriyeho n'iyo ryarangiriyeho bishyirwa mu nyandikomvugo igaragaza uko amatora yagenze. Amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora agena imiterere y'iyo nyandikomvugo."

**<u>Ingingo ya 15:</u> Uburyo bwo gutora**

Ingingo ya 48 y'Itegeko n° 27/2010 ryo kuwa 19/06/2010 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

"Uretse ingingo zihariye ziteganyijwe n'iri tegeko, gutora bikorwa n'abenegihugu bose babifitiye uburenganzira, mu ibanga, mu mucyo no mu bwisanzure. Bishobora gukorwa mu buryo butaziguye cyangwa buziguye bitewe n'imiterere ya buri tora.

Mu gutora hakoreshwa urupapuro rw'itora, kujya ku murongo inyuma y'umukandida utora yihitiyemo cyangwa ubundi buryo bwagenwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

Mu matora akoreshwamo urupapuro rw'itora, utora ashobora gutera igikumwe cyangwa agakoresha ikaramu.

In case of justification, the Polling Committee may change time for opening and closure of the polls after prior notification to and consultation with the Chairperson of National Electoral Commission.

The time of opening and closing polls shall be indicated in a statement on the polling process. The National Electoral Commission instructions shall determine the format of the statement."

**<u>Article 15</u>: Voting modalities**

Article 48 of the Law n° 27/2010 of 19/06/2010 relating to elections as modified and complemented to date is modified and complemented as follows:

"With the exception of particular provisions specified by this Law, secret, free and fair suffrage is granted to all Rwandan nationals entitled to that end. It may be direct or indirect in the conditions stipulated for each type of election.

Casting vote may be done using a ballot paper or by queuing behind the candidate or by any other voting modality determined by the National Electoral Commission.

In elections where a ballot paper is used a voter may cast his/her vote using a thumb print or in writing.

instructions de la Commission Nationale Electorale.

En cas de survenance d'un motif, le comité électoral peut changer l'heure d'ouverture et de clôture après notification préalable et consultation avec le Président de la Commission Nationale Electorale.

Les heures d'ouverture et de clôture du scrutin sont consignées dans le procès-verbal du déroulement des opérations électorales. Les instructions de la Commission Nationale Electorale déterminent le format de ce procès verbal. »

**<u>Article 15</u>: Modalités de vote**

L'article 48 de la Loi n° 27/2010 du 19/06/2010 relative aux élections telle que modifiée et complétée à ce jour est modifié et complété comme suit :

« Sauf dispositions particulières contraires prévues par la présente loi, le suffrage secret, libre et transparent est reconnu à tous les ressortissants rwandais habilités à cet effet. Il peut être direct ou indirect dans les conditions prévues pour chaque type d'élection.

Le vote peut s'effectuer au moyen d'un bulletin de vote ou en s'alignant derrière le candidat ou par toute autre modalité de vote déterminée par la Commission Nationale Electorale.

Le vote au moyen d'un bulletin de vote s'effectue au moyen de l'empreinte digitale ou par écrit.

Uburyo bikorwamo bigenwa n'amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora."

**Ingingo ya 16: Abantu bamburwa mu buryo budahoraho uburenganzira bwo gutora no gutorwa**

Ingingo ya 49 y'Itegeko n° 27/2010 ryo kuwa 19/06/2010 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

"Abantu bakurikira bamburwa mu buryo budahoraho uburenganzira bwo gutora no gutorwa:

1° ufunzwe by'agateganyo mu buryo buteganywa n'amategeko y'imiburanishirize y'imanza nshinjabyaha;

2° ufunzwe mu rwego rw'irangizagihano;

3° umuntu ufite cyangwa ugaragaje uburwayi bwo mu mutwe cyangwa undi muntu uhungabanya umudendezo w'abaturage n'ahatorerwa. Iki gikorwa gikorerwa inyandikomvugo."

**Ingingo ya 17: Uburyo ibyavuye mu matora bihurizwa hamwe**

Ingingo ya 61 y'Itegeko n° 27/2010 ryo kuwa 19/06/2010 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

The application modalities shall be determined by the National Electoral Commission's instructions."

**Article 16: Persons temporarily disenfranchised**

Article 49 of Law n° 27/2010 of 19/06/2010 relating to elections as modified and complemented to date is modified and complemented as follows:

"The following persons shall be temporarily disqualified from voting:

1° persons in preventive detention in accordance with the provisions of the Code of criminal procedure;

2° persons in detention in the execution of a sentence;

3° a person with or shows the signs of mental illness or any other person who disrupt public order at a polling site. This act shall be recorded in a statement."

**Article 17: Consolidation of election results**

Article 61 of the Law n° 27/2010 of 19/06/2010 relating to elections as modified and complemented to date is modified and complemented as follows:

Les modalités d'application sont déterminées par les instructions de la Commission Nationale Electorale. »

**Article 16: Personnes frappées d'incapacité électorale temporaire**

L'article 49 de la Loi n° 27/2010 du 19/06/2010 relative aux élections telle que modifiée et complétée à ce jour est modifiée et complété comme suit :

« Est frappée d'incapacité électorale temporaire:

1° toute personne placée en détention préventive conformément aux dispositions du Code de procédure pénale ;

2° toute personne placée en détention en exécution d'une peine;

3° toute personne manifestant les signes d'aliénation mentale ou qui perturbe l'ordre public au bureau de vote. Cet acte est consigné dans un procès verbal. »

**Article 17: Consolidation des résultats des élections**

L'article 61 de la Loi n° 27/2010 du 19/06/2010 relative aux élections telle que modifiée et complétée à ce jour est modifié et complété comme suit :

"Igikorwa cyo guhuriza hamwe ibyavuye mu matora ku nzego z'imitegekere y'Igihugu zitandukanye kigenwa n'amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

Kuri buri rwego ruhurizwaho ibyavuye mu matora, umuhuzabikorwa w'amatora kuri urwo rwego ahuriza hamwe ibyavuye mu matora ku rwego rurubanziriza akabimenyesha indorerezi z'amatora, abahagarariye abakandida, abanyamakuru n'abaturage bahari.

Inyandiko zahurijweho ibyavuye mu matora, zimanikwa aho icyo gikorwa cyabereye. Imiterere y'izo nyandiko n'aho zimanikwa bigenwa n'amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'amatora.

Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora niwe uhuriza hamwe ku rwego rw'Igihugu ibyavuye mu matora hashingiwe ku nyandiko zahurijweho amajwi."

**<u>Ingingo ya 18:</u> Igihe kigenerwa umukandida mbere yo gutangaza ilisiti ntakuka ngo asubire muri dosiye ye iyo kandidatire ye itemewe**

Ingingo ya 63 y'Itegeko n° 27/2010 ryo kuwa 19/06/2010 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

"Mbere yo gutangaza ilisiti ntakuka y'abakandida, umukandida utemerewe na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora amenyeshwa mu nyandiko ibibura muri dosiye ye, agahabwa umwanya wo kubyuzuza. Ibyo

"The process of consolidation of results at different administrative entities of the Country shall be determined by the National Electoral Commission instructions.

At each level of consolidation of results, the coordinator of elections at that level shall consolidate the electoral results from the next lower level and communicate it to election observers, journalists and members of the public present.

Electoral results consolidation documents shall be displayed where elections take place. The format of such documents and the location where they should be displayed shall be determined by the National Electoral Commission instructions.

The Chairperson of the National Electoral Commission shall carry out the consolidation of election results at the national level on the basis of the consolidated electoral documents."

**<u>Article 18</u>: Time for candidate to review his/her dossier in case of disqualification before announcement of final list**

Article 63 of Law n° 27/2010 of 19/06/2010 relating to elections as modified and complemented to date is modified and complemented as follows:

"Before publication of the final list of candidates, a candidate whose candidature is disqualified by the National Electoral Commission shall be informed in writing of the documents that are missing in his/her

« La consolidation de résultats aux différents échelons administratifs du pays est déterminée par les instructions de la Commission Nationale Electorale.

A chaque niveau de consolidation des résultats, le Coordonnateur des élections consolide les résultats du niveau immédiatement inférieur et les communique aux observateurs électoraux, aux journalistes et au public.

